Egera Imana mu isengesho (Igice cya 1)

Bishingiye ku gice cya 17 cy'igitabo *Ni iki mu by'ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n'impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.



ESE IMANA YUMVA AMASENGESHO YOSE?

1 SUZUMA IBYO WIZERA

Kuki hari ababyemera?

Kuki hari ababihakana?

Wowe wizera ko bimeze bite?

Kuki ari uko ubyemera?

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA

Imana yumva amasengesho y’abantu bayisenga babikuye ku mutima.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 17 paragarafu ya 1-4.)

Soma mu Bafilipi 4:6, 7.

Kuki ari byiza gusenga dushimira aho guhora dusaba gusa?

_____

_____

_____

Soma muri Yakobo 4:8.

Isengesho ryadufasha rite kongera ubucuti dufitanye na Yehova?

_____

_____

_____

Ntiwakwishimira inshuti zikuvugisha ari uko gusa hari icyo zikeneye. Mu buryo nk’ubwo rero, Yehova arishima iyo tumusenga buri gihe kandi tukamubwira ibintu bitandukanye.

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Imana yumva amasengesho y'abantu bakora ibihuje n'ibyo basaba mu isengesho.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 17 paragarafu ya 5-8.)

Soma muri Mariko 11:24 no muri Yakobo 2:26.

Kuki ari ngombwa kugira ukwizera kugira ngo Imana yumve amasengesho yacu, kandi se twagaragaza dute ko dufite ukwizera?

Soma muri Matayo 6:11 no mu 2 Abatesalonike 3:10.

Tanga urugero rugaragaza uko twakora ibihuje n'amasengesho yacu.

Kuki *wishimira* cyane impano y'isengesho?

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IBYO WIZERA

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Imana yumva amasengesho yose.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Abantu benshi ni uko babyumva. Ariko jye mbona atari uko Bibiliya ivuga kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Isengesho ni nk'umuti utuma umuntu atuza gusa.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Abantu benshi ni uko babibona. Ariko jye si uko mbibona kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

www.jw.org © 2017 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania